REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISTERI Y'IBIDUKIKIJE

B P: 898, Kigali
Tel: +250 252575813
E-mail: bulletin@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw

Ikinyamakuru ku miterere y'ibihe N°06/2019: **Taliki ya 1–28 Gashyantare 2019**

Ryoherejwe kuwa 2 Werurwe 2019

Ingingo z'ingenzi:

- **Igiteranyo cy'imvura** yabonetse muri Gashyantare 2019; cyagaragajeko imvura yabaye nyinshi mu majyepfo y'Uburengerazuba naho ahandi hasigaye mu gihugu ikaba nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri Gashyantare kuri buri bupimiro
- Imvura yabonetse mu gice cya mbere (kuva taliki 01-10) ndetse n'igice cya gatatu (taliki 21-28) Gashyantare_2019 yatumye haboneka ubuhehere buhagije henshi mu gihugu ugereranyije n'imvura yaguye mu gice cya kabiri (taliki 11-20) Gashyantare_2019
- **Ukwezi kwa Werurwe 2019;** hateganyijwe imvura izaba nyinshi kurusha iyabonetse muri Gashyantare_2019; ndetse mu gice cya mbere cy'uku kwezi hakaba hateganijwe imvura iziyongera guhera mu mataliki yo hagati

I. Iriburiro

Muri Gashyantare 2019; igiteranyo cy'imvura yabonetse cyerekanako yabaye nyinshi mu majyepfo y'Uburengerazuba naho ahandi hasigaye mu gihugu ikaba nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri Gashyantare kuri buri bupimiro

a) Imbonerahamwe zikurikira zirererekana ikigereranyo ku mvura yaguye muri Gashyantare_2019 ndetse n'imvura dusanzwe tubona muri iyo minsi kuri buri bupimiro

Igiteranyo cy'imvura kuri buri bupimiro (muri mm)

Ubupimiro	Gashyantare_2019	Gashyantare
Kigali	34.5	92.2
Rusizi	113.7	134.9
Rubavu	39.7	88.9
Nyamagabe	63.2	133.2
Gicumbi	100.6	77.7
Busogo	48.9	116.8
Bugarama	225.8	139.3
Musanze	59.0	93.2
Gitega	37.7	67.5
Byimana	24.5	105.7
Kawangire	40.5	98.8
Nyagatare	38.4	53.1

Imbonerahamwe ya1



Igishushanyo1

b) Ubusesenguzi ku mvura yaguye: Ikarita zikurikira (iya **1&2)** zigereranya igiteranyo cy'imvura yaguye muri Gashyantare_2019; imvura isanzwe igwa muri iyo minsi

Naho Ikarita **3&4** zikerekana igiteranyo cy'imvura yaguye mu Mutarama_2019 ndetse n'isanzwe igwa muri ayo mataliki

Ikarita ya1: Imvura yaguye (mm): Gashyantare_2019



Ikarita ya2: Imvura isanzwe igwa (mm): Gashyantare



Ikarita ya3: Imvura yaguye (mm): Mutarama_2019



Ikarita ya4: Imvura isanzwe igwa (mm): Mutarama



II. Uko imvura yaguye hirya no hino mu gihugu muri Gashyantare_2019 mu buryo burambuye

Muri Gashyantare 2019; uretse igice cy'amajyepfo y'Uburengerazuba habonetse imvura nyinshi; ahandi mu gihugu hasigaye habonetse imvura nke ugereranyije n'iyari isanzwe igwa muri Gashyantare kuri buri bupimiro (reba **Ikarita1&2** n'**Imbonerahamwe1**); naho muri Mutarama 2019; igiteranyo cy'imvura cyagaragaje imvura nke mu gice cy'amajyaruguru cy'igihugu naho ahandi hasigaye mu gihugu haboneka imvura nyinshi ku yari isanzwe ihaboneka muri Mutarama (reba **Ikarita3&4**)

III. Ingaruka ku Buhinzi

a) Ububobere bw'ubutaka (amafoto y'icyogajuru)



Ikarita5: Gashyantare 2019 igice cya mbere Ikarita6: Gashyantare 2019 igice cya kabiri Ikarita7: Gashyantare 2019 igice cya gatatu

Muri Gashyantare_2019; amafoto y'icyogajuru yerekana igipimo cyo hejuru ku buhehere bw'ubutaka mu gice cya mbere kubera imvura nyinshi yabonetse mu minsi ya nyuma y'icyo gice; bitandukanye n'ibindi bice bibiri aho imvura yagiye iboneka hagati naho mu mpera za buri gice hakaboneka ibihe by'imicyo (**Ikarita 5, 6&7;** zirerekana ibice bya Gashyantare; icya mbere; icya kabiri ndetse n'icya gatatu uko bikurikirana)

b) Iteganyagihe ry'ukwezi kwa Werurwe_2019

Muri Werurwe 2019; hateganyijwe imvura izaba nyinshi kurusha iyabonetse muri Gashyantare_2019; ndetse mu gice cya mbere cy'uku kwezi hakaba hateganijwe imvura iziyongera guhera mu mataliki yo hagati:

- **Umujyi wa Kigali:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm10 kugeza kuri mm60 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburasirazuba:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm80 z'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyepfo:** hateganijwe kuboneka imvura nke kugeza ku kigero cya mm80 z'imvura mu byumweru bibiri
- **Intara y'Uburengerazuba:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri
- **Intara y'Amajyaruguru:** hateganijwe kuboneka imvura iri ku kigero cya mm60 kugeza kuri mm100 mu byumweru bibiri

Ingano y'imvura (muri mm) iteganyijwe mu byumweru bibiri biri imbere:



Ikarita7: Werurwe.2019 kuva taliki ya 01 kugeza taliki 07 Ikarita8: Werurwe.2019 kuva taliki ya 08 kugeza taliki 14

N.B: Iri teganyagihe rigomba kwifashishwa hagendewe kurisohoka buri munsi (buri masaha 24), iry'iminsi itatu (3), itanu (5) ndetse n'iry'iminsi irindwi (7) ritangwa n'Ikigo cy'Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda)